Ishami ry'amasaka

## Uko Rwona/Kurisuka ifata amasaka

Ubuzima bwa Rwona mu murima bushingiye cyane ku buzima bw'amasaka (host plant) kuko Rwona ubwayo ntabwo yakwibeshaho amasaka adahari. Rwona itegereza ko amasaka amera hanyuma ikabona kumera kandi iyo imera igenda ishora imizi yayo mu mizi y'amasaka. Ku bw'ibyo, Rwona itangira gutungwa niby'agatunze amasaka kuko aho kwinyunyuriza ibiyitunga mu butaka ahubwo itangira gusangira n'amasaka ibyo yinyunyurije mu butaka (Imyunyu ngugu) bityo hakabaho ukudindira kw'amasaka kuko Rwona iba iyarusha kunyunyuza vuba vuba dore ko yo inakura vuba (cultural cycle) ugereranyije n'amasaka. Rwona ihita itangira kandi kundwanira n'amasaka amazi nayo yanyunyujwe n'amasaka ndetse igatera n'ibibazo mu mikorere y'inzugano (metabolism) zose z'amasaka .

## Impamvu Rwona ari icyatsi kibi

Rwona ni icyuririzi kibi cyane kigomba kundwanwa kubera impamvu z'ingenzi zikurikira
-Rwona imwe yera imbuto nyinshi cyane zigera ku 50,000 cyangwa se zikarenga bitewe n'ubwoko bwa Rwona, ubutaka ndetse n'akarere ihereryeyemo
-Imbuto za Rwona zishobora kumara mu butaka imyaka irenga cumi n'itanu zitegereje ko hongera guhingwa amasaka kugirango zibone kumera
-Imbuto za Rwona ni ntoya cyane kuburyo zishobora kuva mu karere zijya mu kandi ku buryo bworoshye
-Rwona itangira kwangiza amasaka igiye ikiri mu butaka kuko mu gihe iba itaratunguka hejuru iba yaratangiye kunyunyuza iby'agatunze amasaka
-Biragoye kuyirwanya hakoreshejwe uburyo kusanzwe bwo kubagara kuko iyo uyirandura akenshi byangiza n'amasaka kuko imizi yayo iba iri muy'amasaka

## Uburyo bwo kurwanya Rwona/

-Kubagara ugakuramo Rwona igihe itararabya
-Guhinduranya ibihingwa mu murima
-Kuvanga amasaka n'ibinyamisogwe (Ubunyobwa, Soya)
-Gufumbira cyane umurima wawe ukoresheje ifumbire y'amatungo
-Gukoresha imiti yica Rwona ariko ntiyangize amasaka (Imazapyr,Dicamba)
-Gukoresha ubwoko bw'amasaka bwihanganira Rwona
-Gukoresha ubwoko bw'amasaka burwanya Rwona





**REPUBULIKA Y 'U RWANDA**

**IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**

*ISHAMI RY'AMASAKA*

# *Igihingwa cy'amasaka n'icyatsi*







Ishami ry'amasaka

## Intangiriro

Amasaka ni kimwe mu bihingwa by'ibinyampeke by'ingirakamaro mu Rwanda akaba akunze guhingwa mu gihembwe cya kabiri cy'ihinga . Amasaka afitiye akamaro kanini abanyarwanda kubera igikoma cyayo gikoreshwa nk'ifunguro rya mu gitondo ryuzuye intungamubiri ku mubare munini w'abanyarwanda ndetse n'inzoga gakondo(ikigage) ufite akamaro kanini mu kubumbatira umuco nyarwanda. Nubwo amasaka afite akamaro kanini afite n'imbogamizi nyinshi mu Rwanda. Muri izo ikomeye cyane kuri ubu ni icyatsi kitwa **Rwona** cg se **Kurisuka**.

## Rwona cg se Kurisuka ( *Striga*

Rwona (*Striga* Spps) ni icyatsi kibi cyane kibasira ibinyampenke cyane cyane amasaka, ibigori n'umuceri uhingwa i musozi. Muri ibyo binyampeke, Rwona yibasira cyane amasaka ikaba ishobora gutera igihombo umuhinzi w'amasaka kigera ku 100% by'umusaruro bitewe n'ubwoko bw'amasaka, imiterere y'ubutaka amasaka atewemo ndetse n'ingano ya Rwona muri uwo murima.





## Ahantu hibasirwa na Rwona

Rwona yibasira ubutaka buteyemo amasaka aherereye mu turere tugwamo imvura nke. Ubukana bwayo buriyongera iyo ubutaka bukennye ku myunyungugu cyane cyane Azote .



## Ubwoko bwa Rwona bu-

Kuri ubu mu Rwanda haboneka cyane ubwoko bubiri bwa Rwona aribwo *Striga hermonthica* ifite ibara ry'idoma na *Striga asiatica* ifite ibara ritukura ndetse rimwe na rimwe ikagira ibara ry'umuhondo. Haboneka kandi mu buryo budakanganye *Striga densiflora* ifite ibara ry'umweru.





## Aho Rwona iboneka mu

Mu Rwanda, Rwona/Kurisuka iboneka mu mu ntara y' i Burasirazuba ndetse no mu ntara y'Amajyepfo mu turere dukurikira:Kirehe, Bugesera, Kayonza, Gatsibo, Nyagatare, Nyanza, Huye, Gisagara, Ruhango, Kamonyi. Hafi muri utu turere twose haboneka ubwoko bubiri bwa Rwona ariko Rwona ifite amabara y'idoma yiganje cyane cyane mu ntara y'i Burasirazuba naho ifite ibara ry'umutuku ikaboneka mu buryo bumwe mu ntara y'i Burasirazuba n'iy'Amajyepfo.





